# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 24-28 Gicurasi




## P.1 Volleyball : APR VC yegukanye igikombe cya shampiyona ya 2024

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Volleyball :** APR VC yegukanye igikombe cya shampiyona ya 2024

P2 **Tennis :** Niyigena na Umumararungu begukanye irushanwa ryo Kwibuka

P2 **Rugby :** Habaye amahugurwa y'abatoza

P3 **Basketball :** Hafunguwe ikibuga gishya muri ENDP Karubanda

P3 **Golf :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P4 **Amputee Football :** Musanze na Nyarugenge zegukanye shampiyona

P4 **Cricket :** Challengers CC yegukanye igikombe cya shampiyona

P5 **Basketball :** BAL yatanze imipira 200 yo gukina

P5 **Football :** Abayobozi n'abakozi ba FERWAFA basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro

P6 **Football :** Habaye inama y'Inteko rusange isanzwe ya FERWAFA

P6 **Wheelchair Basketball :** Musanze na Gasabo zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

1

# **Volleyball :** APR VC yegukanye igikombe cya shampiyona ya 2024

Tariki 24 kugeza 26 Gicurasi 2024 habaye imikino ya nyuma ya "Playoffs 2024" mu mukino wa Volleyball mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore.

Ikipe ya APR VC mu bagabo n'abagore ni yo yegukanye igikombe cya shampiyona ya 2024. Ikipe ya APR VC mu bagabo yatsinze Kepler VC imikino 2-1 naho ikipe ya APR VC mu bagore itsinda Police VC imikino 2-1.

Mu guhatanira umwanya wa gatatu, ikipe ya REG VC mu bagabo yatsinze Police VC imikino 2-1 naho mu bagore, RRA VC itsinda Ruhango VC imikino 2-0.

**Uko amakipe yakuriranye**

- **Mu bagabo**
  1. APR VC
  2. Kepler VC
  3. REG VC
  4. Police VC
  5. Gisagara VC
  6. IPRC Ngoma
  7. EAC VC
  8. Kirehe VC
  9. KVC
  10. IPRC Musanze

- **Mu bagore**
  1. APR VC
  2. Police VC
  3. RRA VC
  4. Ruhango VC
  5. EAU VC
  6. IPRC Kigali


















## **Tennis :** Niyigena na Umumararungu begukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 26 Gicurasi 2024 ku bibuga bya IPRC Kigali hasojwe irushanwa ryo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 “Tennis Genocide Memorial Tournament 2024”.

Iri rushanwa ryari ryatangiye tariki 17 Gicurasi 2024 ryakinwe mu byiciro bitandukanye birimo ababigize umwuga mu bagabo n’abagore, abatarabigize umwuga ndetse n’abantu bafite ubumuga “Wheelchair Tennis”.

Mu babigize umwuga, Niyigena Etienne mu bagabo yegukanye irushanwa atsinze ku mukino wa nyuma Muhire Joshua naho mu bagore, Umumararungu Gisele atsinda Tuyisenge Olive.

Mu batarabigize umwuga, Rukundo Innocent yatsinze Evan McDougall mu bagabo naho mu bagore, Marie Von Kirchmann atsinda Margaret Vernon.

Mu cyiciro cy’abantu bafite ubumuga “Wheelchair Tennis”, Dusengimana Jean Luc yegukanye irushanwa atsinze Dusabimana Viator mu bagabo naho mu bagore Imaniraguha Yvonne atsinda Imanishimwe Yvonne.








## **Rugby :** Habaye amahugurwa y’abatoza

Tariki 23 na 24 Gicurasi 2024 habaye amahugurwa y’abatoza yo ku rwego rwa 2 “Level 2” mu mukino wa Rugby mu cyiciro cy’abakina ari 7. Aya mahugurwa yari yateguwe ku bufatanye n’impuzamashyirahamwe y’umukino wa Rugby ku Isi atangwa n’inzobere, Robert Bwali.

Abatoza 10 bo mu cyiciro cya mbere ni bo bitabiriye aya mahugurwa aho bahawe ubumenyi butandukanye kandi bw’ingenzi ku bijyanye no gutoza umukino wa Rugby.









## **Basketball :** Hafunguwe ikibuga gishya muri ENDP Karubanda

Tariki 28 Gicurasi 2024, Minisitiri wa Siporo mu Rwanda, Munyangaju Aurore Mimosa ari kumwe n'umuyobozi wa Giants of Africa, Masai Ujiri bafunguye ku mugaragaro ikibuga cy'umukino wa Basketball mu ishyuri rya Ecole Notre Dame de la Providence de Karubanda "ENDP Karubanda" riherereye mu Karere ka Huye.

Iki kibuga cyubatswe ku bufatanye na Giants of Afurika mu rwego guteza imbere umukino wa Baskeyball bihereye mu bakiri bato.











## **Golf :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 24 na 25 Gicurasi 2024 kuri Kigali Golf Resort and Villas i Nyarutarama habereye irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa "Golf Genocide Memorial Tournament 2024" ryari ryitabiriwe n'abakinnyi batandukanye barimo n'abaturutse mu bihugu binyuranye birimo u Rwanda, Kenya, Uganda na Nigeria.







## **Amputee Football :** Musanze na Nyarugenge zegukanye shampiyona

Tariki 26 Gicurasi 2024 kuri Sitade ya IPRC Kicukiro habaye imikino ya nyuma ya shampiyona y'umupira w'amaguru mu cyiciro cy'abantu bafite ubumuga "Rwanda Amputee Football National League 2023-2024".

Mu bagabo, ikipe ya Musanze ni yo yegukanye igikombe nyuma yo gusoreza ku mwanya wa mbere n'amanota 21 ikurikirwa na Huye n'amanota 16 naho Bugesera isoreza ku mwanya wa 3 n'inota rimwe.

Mu bagore, ikipe ya Nyarugenge ni yo yegukanye igikombe aho yasoreje ku mwanya wa mbere n'amanota 19 ikurikirwa na Nyanza  naho Ngoma isoreza ku mwanya wa gatatu.







## **Cricket :** Challengers CC yegukanye igikombe cya shampiyona

Tariki 26 Gicurasi 2026 , ku kibuga mpuzamahanga cy'umukino wa Cricket i Gahanga hasojwe shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Cricket "Dafabet RCA Men's T20 League 2024".

Ikipe ya Challengers CC ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya IPRC Kigali CC.

Iri rushanwa ryatangiye tariki 27 Werurwe 2024 ryaro ryitabiriwe n'amakipe 6 ari yo IPRC Kigali CC, Right Guards CC, Indorwa CC, Zonic Tigers, Kutchi Tigers CC na Challengers CC. Aya makipe yakinnye hagati yayo hanyuma amakipe 4 ya mbere akina imikino ya ½.

Ikipe ya Challengers CC yasezereye Indorwa CC naho IPRC Kigali CC isezerera Right Guards CC. Ku mukino wa nyuma ikipe ya Challengers CC yatsinze IPRC Kigali CC amanota 119 ku 115.

**Uko amakipe yakurikiranye**

1. Challengers CC
2. IPRC Kigali CC
3. Right Guards CC
4. Indorwa CC
5. Zonic Tigers
6. Kutchi Tigers CC






## **Basketball :** BAL yatanze imipira 200 yo gukina

Tariki 25 Gicurasi 2024, abayobozi muri MINISPORTS, Umujyi wa Kigali, Imbuto Foundation, FERWABA, BAL na NBA Africa bifatanyije n'abatuye Kimironko mu muganda rusange wabereye ku bibuga bya "Kimironko Sports and Community Space". Nyuma y'iki gikorwa cy'umuganda, umuyobozi wa BAL yashyikirije ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA" imipira yo gukina ya Basketball igera kuri 200 izatangwa mu ibice bitandukanye mu rwego rwo guteza imbere uyu mukino.







## **Football :** Abayobozi n'abakozi ba FERWAFA basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro

Tariki 24 Gicurasi 2024, abayobozi n'abakozi b'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ruherereye i Kiziguro mu Karere ka Gatsibo.

Ibi bikaba biri muri gahunda yo kwibuka no guha agaciro abari mu muryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.







## **Football :** Habaye inama y'Inteko rusange isanzwe ya FERWAFA

Tariki 26 Gicurasi 2024 muri Kigali Convention Centre hateraniye inama y'Inteko rusange isanzwe y'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" aho yize ku ngingo zitandukanye zigamije kunoza imikorere n'imikoranire.

Muri iyi nama abanyamuryamuryango ba FERWAFA bishimiye intambwe yatewe na "Rwanda Premier League" biyemeza gukomeza kuyifasha mu mishinga bafite no kwaguka .











## **Wheelchair Basketball :** Musanze na Gasabo zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 26 Gicurasi 2024 ku bibiga bya "Kimironko Sports and Community Space" mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa ry'umukino wa Basketball ikinwa n'abantu bafite ubumuga "Wheelchair Basketball" muri gahunda yo Kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorwe Abatutsi mu 1994 "Wheelchair Basketball Genocide Memorial Tournament 2024".

Iri rushanwa ryateguwe na Komite y'igihugu y'imikino y'abafite ubumuga "NPC-Rwanda" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS na Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC".

Amakipe 4 mu bagabo ari yo Eagles, Kicukiro, Musanze na Indangamirwa n'andi 3 mu bagore ari yo Gasabo, Kicukiro na Move Dream ni yo yitabiriye iri rushanwa.

Ikipe ya Musanze mu bagabo ni yo yegukanye igikombe itsinze Eagles amanota 23-22 naho mu bagore igikombe cyegukanwa na Gasabo itsinze Kicukiro amanota 20 kuri 15.

**Uko amakipe yakurikiranye**

- **Mu bagabo**
  1. Musanze
  2. Eagles
  3. Kicukiro
  4. Indangamirwa

- **Mu bagore**
  1. Gasabo women
  2. Kicukiro
  3. Move Dream





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave